

**UKO IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI BAKOMEZA GUSIGASIRA  
IBYAGEZWEHO N'UBURYO BYARAMBA**

*Senateri RUTAREMARA Tito*

## **Intangiriro**

Ikiganiro cyanje kiragaruka ku uburyo Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki bakomeza gusigasira ibyagezweho n'uburyo byaramba. Iki kiganiro kiruzuzanya n'icyakibanjirije. Niyo mpamvu njye nza kwibanda ku bintu bitatu by'ingenzi, bikurikira:

- Ibiganiro byo mu Rugwiyo n'ibyagiye bivamo;
- Amahame remezo akubiye mu Itegeko Nshinga Abanyarwanda bagenderaho;
- Uko Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki basigasira ibyagezweho n'uburyo babiteza imbere bikaramba;
- Umusozo.

### **1. Inama zo mu Rugwiyo n'ibyagiye bivamo**

Ibi biganiro byo mu Rugwiyo byatangiye mu mwaka wa 1998-1999 bikaba byaratekerejwe binakorwa mu gihe u Rwanda rwiteguraga gusohoka mu nzibacyuho. Mu biganiro byo mu Rugwiyo, byitabiriwe n'ibyiciro bitandukanye by'Abanyarwanda: abanyapolitiki ba cyera, abari muri Leta ya Habyarimana, na ba camarades du 5 juillet, kugeza ku babohoye Igihugu muri 1994. Harimo kandi abakuze n'abato (urubyiruko), abagabo n'abagore.

Mu Rugwiyo, haganiriwe kuri byinshi, urebye:

- Niho hatekerejwe izi politiki zose zishingirwaho mu kuyobora Igihugu;
- Havugiwe kandi porogaramu zitandukanye ziteza imbere imiyoborere, ubukungu, n'imibereho myiza y'abanyarwanda;
- Niho havuye igitekerezo cyo gutegura Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ritekerejwe kandi rigategurwa na banyiraryo (Abanyarwanda);
- Niho havuye igitekerezo cy'Inkiko Gacaca;
- Niho hanavuye igitekerezo cya Vision 2020;
- Niho hatekerejwe ko nta demokarasi yakumvikana hatariho Imitwe ya politiki myinshi;
- Politiki yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage niho yatekererejwe (decentralization policy);

- Igitekerezo cy'uko Igihugu gikwiye gukora demokarasi iberanye n'amateka y'Abanyarwanda (demokarasi y'ubwumvikane), niho cyatangiriye. Abari mu nama basaba ko mu gihe cyo gutegura Itegeko Nshinga ari bwo bazabaza Abanyarwanda demokarasi idukemurira ibibazo;
- Muri ibyo biganiro niho havuye igitekerezo cy'uko gushaka umuti w'ibibazo bya politiki ari ugushyira imbere ibiganiro (political dialogue) n'ubworohherane (political tolerance).

## **2. Amahame remezo akubiye mu Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.**

Amahameremezo ni ishingiro ry'ubutegetsi n'imiyoborere y'Igihugu cyacu. Aya mahame aramutse atariho, Leta yasenyuka niyo mpamvu kuyamenya ari ngombwa kandi tukayakomeraho. Sena niyo ifite mu nshingano zayo gukurikirana ko yubahirizwa.

Amahame remezo niyo agaragaza systeme de gourvernance y'Igihugu cyacu, kuko ariyo ashingirwaho mu gutegura politiki zose ziyobora Igihugu, Programmes (imiyoborere, ubukungu, imibereho myiza, ububanyi n'amahanga..).

### **2.1. Amavu n'amavuko y'amahame remezo n'impamvu yayo**

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Abanyarwanda bafashe umwanya batekereza ku Rwanda n'ahazaza harwo, bashyiraho inzira y'imiyoborere mishya ibabereye ifasha kurangiza ibibazo bishingiye ku mateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo no kurinda ko byazongera kubaho ukundi = **amahame remezo**.

Amahame remezo yashyizwe mu Itegeko Nshinga ryatowe n'Abanyarwanda muri referendumu yo ku wa 4 Kamena mu 2003.

Sena yashyizweho ishingwa umwihariko wo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo.

Amahame remezo ni imirongo migari y'imiyoborere Leta y'u Rwanda n'Abanyarwanda biyemeje kugenderaho no kuyubahiriza. Byumvikane ko politiki, amategeko, gahunda n'ibikorwa bya Leta bigomba gushingira ku mahame remezo kandi bikaba bigamije ishyirwa mu bikorwa ryayo. Niyo mpamvu mu mikorere ya buri munsi, inzego zose n'Abanyarwanda bagomba kwitwararika iyubahirizwa y'amahame remezo.

### **2.2. Ayo mahame remezo Abanyarwanda biyemeje kugenderaho ni ayahe?**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo yaryo ya 10, ayo mahame remezo ni aya akurikira:

1. Gukumira no guhana icyaha cya Jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose;
2. Kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;
3. Gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize;
4. Kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo;
5. Kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo;
6. Gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

Muri rusange amahame remezo afite inkomoko muri ibi bikurikira:

- Amasezerano y'amahoro y'Arusha;
- Ibiganiro byabereye muri Perezidansi ya Repubulika mu (Rugwiro) guhera mu kwezi kwa Gicurasi 1998 kugeza muri Werurwe 1999;
- Ibitekerezo Abanyarwanda bagaragaje ubwo hategurwaga Itegeko Nshinga ryo mu 2003.

### **2.3. Ibigize amahame remezo u Rwanda rugenderaho**

#### **2.3.1. Ihame remezo ryo gukumira no guhana icyaha cya Jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose**

Iri hame remezo rigizwe n'ibi bikurikira:

- Gukumira icyaha cya Jenoside;
- Guhana icyaha cya Jenoside;
- Kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose;
- Kurwanya ihakana rya Jenoside;
- Kurwanya ipfobya rya Jenoside;
- Kurandura ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside;
- Guhana ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

#### **2.3.2. Ihame remezo ryo kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda**

Iri hame remezo rigizwe n'ibi bikurikira:

- Kurwanya ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere, inkomoko, ubwenegihugu, ibara ry'umubiri, isura, igitsina, ururimi, idini n'ibindi;
- Guha Abanyarwanda bose uburenganzira bungana hagamijwe kwirinda ubusumbane bushingiye ku karengane;
- Ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Ubumwe n'ubwiyunge;
- Kugendera ku ndangagaciro za kirazira by'umuco;
- Kubumbatira ibihuza abaturage.

### **2.3.3. Ihame remezo ryo gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize**

Iri hame remezo rigizwe n'ibi bikurikira:

- Isaranganya ry'ubutegetsi mu nzego za Leta;
- Isaranganya ry'ubutegetsi mu Mitwe ya politiki;
- Isaranganya ry'ubutegetsi mu byiciro bitandukanye bigize umuryango Nyarwanda.

### **2.3.4. Ihame remezo ryo kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo**

Iri hame remezo rigizwe n'ibi bikurikira:

#### **A. Ihame rya Leta igendera ku mategeko rigizwe n'ibi bikurikira:**

- Kubahiriza Itegeko Nshinga rishingiye ku bitekerezo by'abaturage;
- Guverinoma ishingiye kandi yubahiriza amategeko;
- Ubutabera;
- Ubuyobozi bubazwa uburyo busohoza inshingano zabwo (Accountability);
- Kurwanya akarengane na ruswa;
- Itegeko rikurikizwa mu buryo bumwe;
- Itegeko rishyirwaho mu buryo bunyuze mu mucyo kandi buri wese ashobora kurigeraho;
- Gushyira mu bikorwa Itegeko bigomba kuba binoze kandi bigakorwa ku gihe;
- Kubahiriza uburenganzira bw'abantu;
- Gushyiraho no guhindura amategeko bikorwa mu buryo bukurikije amategeko.

**B. Ihame rya Demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye rigizwe n'ibi bikurikira:**

- Guha abaturage ijambo n'urubuga bavugiramo ibibazo byabo n'uko byakemurwa;
- Kwemera Imitwe ya politiki myinshi no kuyiha urubuga n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo;
- Guha urubuga n'ubwisanzure amashyirahamwe, amakoperative, amadini n'imiryango itari iya Leta mu gutanga ibitekerezo;
- Ubwisanzure mu mikorere y'itangazamakuru ku bibera mu Gihugu.

**C. Ihame ry'uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo binyuranye rigizwe n'ibi bikurikira:**

- Kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana ku Banyarwanda bose;
- Kugira amahirwe angana kandi asesuye ku bagore n'abagabo no gukoresha uburenganzira n'ubushobozzi bwabo;
- Kugira uruhare rungana mu bikorwa byose by'iterambere ry'Ighugu haba mu rwego rwa politiki, ubukungu, imibereho myiza n'umuco, bakanabona ku musaruro uvuyemo ku buryo bungana.

**2.3.5. Ihame remezo ryo kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho**

Iri hame remezo rigizwe n'ibi bikurikira:

- Igenamigambi riteguwe neza;
- Gucunga neza umutungo w'Ighugu;
- Ubuzima;
- Uburezi budaheza kandi bufite ireme;
- Ireme ry'imibereho y'abaturage;
- Kudahezwa ku isoko ry'umurimo;
- Kurwanya ubukene;
- Gahunda nziza zo kuzamura abatishoboye.

**2.3.6. Ihame remezo ryo gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye**

Iri hame remezo rigizwe n'ibi bikurikira:

- Guteza imbere umuco wo kungurana ibitekerezo;
- Gushakira hamwe icyerekezo cy'umuti w'ibibazo biremereye Igihugu;
- Gushyiraho no gushyigikira uburyo bwo gukorera hamwe abantu bashaka ibitekerezo binogeye benshi;
- Gushyiraho no gushyigikira inzira zo gukemura ibibazo Igihugu gifite;
- Gushyiraho no gushyigikira uburyo bugamije kumvikana ku buryo bwo gukemura ibibazo bihari.

### **3. Ibyo u Rwanda rwagezeho, uko byasigasirwa n'uburyo byaramba**

Ibyo u Rwanda rwagezeho ni byinshi kandi Imitwe ya politiki ibigiramo uruhare mu nzego zose, kuko abanyapolitiki ubasanga muri Guverinoma, ukabasanga mu Nteko Ishinga Amategeko(Imitwe yombi), ukabasanga no mu zindi nzego z'Imitegekere y'Igihugu. Niyo mpamvu mvuga ko ibyagezweho mu rwego rw'ubukungu, imiyoborere, n'imibereho myiza, abanyapolitiki mu Mitwe ya politiki inyuranye babarizwamo babigiramo uruhare.

Ndifuza ariko, ko uruhare runini rwanyu muri iki kiganiro rwaba urwo gusubiza ikibazo kigira kit: ibyagezeho, byasigasirwa bite? Byatezwa imbere bite kugira ngo bizarambe. Ikindi ni ukureba ahakiri intege nke, kugira ngo dufatire hamwe ingamba zo kuhazamura bityo twese tugendere hamwe (We should not leave no one behind).

#### **3.1. Ibyo u Rwanda rwagezeho mu rwego rw'Ubumwe bw'Igihugu**

Ibyagezweho mu rwego rw'ubumwe bw'Igihugu ni byinshi kuko ari naho ibindi byose bishingiye. Ntiwavuga ubukungu, imibereho myiza y'abaturage, ububanyi n'amahanga, udafite ubumwe bw'Abenegihugu bose. Mu byagezweho muri uru rwego twavuga ibi bikurikira:

- Ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
- Umutekano w'Abanyarwanda n'ibyabo;
- Guteza imbere imiyoborere myiza;
- Guteza imbere ubworoherane no gucyemura ibibazo binyuze mu biganiro;
- Gushyiraho Inzego zibumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda no guteza imbere imiyoborere myiza;
- Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage.

### **3.2. Ibyo u Rwanda rwagezeho mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage**

Mu rwego rw'imibereho myiza, bigaraga ko Igihugu gikora ibishoboka kugira ngo imibereho y'Abanyarwanda irusheho gutera imbere. Bimwe mu bigaragara byagezweho, twavuga:

- Gahunda zo kubungabunga ubuzima bw'abaturage: Ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé - MUSA);
- Gahunda zo kuzamura imibereho y'abatishoboye, nka:
  - ✓ Vision 2020 Umurenge Program – VUP;
  - ✓ Girinka Munyarwanda;
  - ✓ Ubudehe,...);
- Mu mashuri, Gahunda y'uburezi bw'imyaka cumi n'ibiru (12YBE).

Muri rusange ibyangombwa byibanke birahari, igisigaye ni ukuzamura ahakiri inyuma nko muri "human security" (tugakomeza kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana, abaturage ntibararane n'amatungo, kugira ubwiherero, isuku ku mubiri n'aho dutuye,...).

### **3.3. Ibyo u Rwanda rwagezeho mu rwego rw'ubukungu**

- Hari icyerekezo cy'Igihugu (Vision 2020) aho u Rwanda rugomba kuva mu bihugu bikenny, rukaza mu bihugu bifite ubukungu buzamuka;
- Bigaragara kandi ko hari gahunda zigamije kuzamura ubukungu mu ngeri zose, haba mu buhinzi, mu guhangi imirimo, mu bikorera, ishoramari, ibigega by'inguzanyo;
- Gushyigikira ba rwiyemezamirimo bakizamuka n'ibindi;
- Hari gahunda zo kurwanya ubukene no kuzamura umusaruro;
- Hari ubushake bwo gusaranganya ubukungu bw'Igihugu.

## **4. Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bakomeza gusigasira bate ibyagezweho no kubiteza imbere ngo bizarambe?**

Kugira ngo Imitwe ya Politiki, abanyapolitiki, n'abanyarwanda twese muri rusange, dukomeze gusigasira ibyagezweho no kubiteza imbere turasabwa ibi bikurikira:

- Kugarura umuco wo kwita cyane ku nyungu rusange aho kwireba no kwita ku nyungu z'umuntu ku giti cye gusa;
- Imitwe ya Politiki ikwiye gufasha kugira ngo Abanyarwanda bakomeze basigasire ibyiza bagezeho ku bufatanye bwa bose (Imitwe ya politiki igakomeza gushyira hamwe mu kubaka Igihugu);
- Abanyapolitiki bakwiye kwigisha abanyarwanda kugira ngo bumve ko ubwenge bwacu ari kimwe n'ubw'abadukoronije. Ko igisigaye ari ukubukoresha neza uko bikwiye kandi tugakora vuba cyane kuko badusize, twe tukaba tugifite byinshi byo

kurwana nabyo. Dufashe abaturage bacu rero gukora cyane no kwihuta mu byo dukora;

- Kugira ngo Vision 2020 twenda kurangiza, na Vision 2050 yatekerejwe bizagerweho, ni uko urubyiruko rwacu rwiga gukora cyane kandi vuba, rugaharanira impinduka zubaka mu mitekerereze, rugakoresha ubwenge n'imbaraga zituma rutera imbere no guteza Ighugu imbere. Urubyiruko nirwo rugize umubare munini w'abanyarwanda, rukwiye kugira uruhare rugarara mu iterambere ry'ubukungu bw'Ighugu;
- Nanone abagore bakwiye gukomeza gushyigikirwa mu rwego rw'imibereho myiza (kuko hari ibitaranoga). Hari byinshi byagezweho mu rwego rwa politiki kandi biteganywa n'amategeko (nka 30% y'abagore mu myanya ifatirwamo ibyemezo), ariko muri economy no muri social haracyari byinshi byo gukora kugira abagore bazamuke;
- Twe abanyapolitiki turasabwa kumanuka mu nzego z'ibanze tugashishikariza abaturage kuzamuka mu bukungu no mu mibereho myiza. Leta yashyizeho za Platforms nyinshi (umugoroba w'ababyeyi, Isibo, umuganda....) nitwitabire izo platforms zose, dufashe abaturage kuzamura imyumvire, tubigishe kwiteza imbere, tunabumvishe ko abagore bakwiye gushyigikirwa bagatera imbere mu bukungu no mu mibereho myiza.

### ***By'umwihariko ku bireba urubyiruko***

- Urubyiruko niturwigishe politiki, ruyijyemo rutayitinya rwumva ko politiki ari ubuhanga bwo kuyobora no gucunga umuryango w'abantu (Politics is the science of the management of society);
- Imitwe ya politiki nimukomeze mwigishe urubyiruko politiki, kugira ngo ntiruzajye rwumva ko politiki ikorwa gusa n'abadukoronije;
- Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki n'Itorero ry'Ighugu bateye intambwe ishimishije kuko bigisha urubyiruko politiki n'imiyoborere, ni byiza kuko bifasha gутегура urubyiruko, tunazirikana ko arirwo bayobozi b'ejo hazaza; nimukomereze aho;
- Urubyiruko nirwo rwitabira impinduka vuba (They are ready to change), reka bazajye bitabira gukurikira impinduka nziza kandi bazi impamu, aho kujya bakurikira buhumyi abatekereza ku bayobia;
- Urubyiruko rwagize uruhare mu gusenya u Rwanda, ni narwo rwagize uruhare mu gukiza u Rwanda. Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki ni umukoro wacu wo kugira ngo twigishe urubyiruko kwitabira ibikorwa bya politiki biteza imbere Ighugu.

## Umusozo

Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki dusabwa gukomeza kunoza uburyo bw'imikorere tugasigasira ibyagezweho mu rwego rwa politiki, kuko Igihugu cyari cyarageze habi cyane mu bukungu no mibereho myiza, kubera politiki mbi yagishenye.

Bimwe mu byafasha gukomeza kubaka ubwumvikane, ubworoherane, n'ubumwe bw'Igihugu ni ukwirinda amakimbirane ya politiki, no kuyakemura ku gihe mu gihe yabaye, ibiganiro byubaka akaba ari yo nzira nziza yo gushaka umuti w'ibibazo bya politiki.

Inyungu rusange za politiki n'iz'Igihugu muri rusange zikwiye kuza mbere y'inyungu z'abantu ku giti cyabo; umutungo rusange w'abantu ugacungwa neza kandi abantu bakaba inyangamugayo mu micungire y'ibyo bashinzwe (Accountability ni ngombwa).

Abagore nibakomeze bashyigikirwe, bitabire kujya mu buyobozi, batere imbere mu rwego rw'ubukungu no mu mibereho myiza.

Imitwe ya politiki n'Ihuriro bakomeza kujya barushaho kumenyekanisha ibyiza u Rwanda rugeraho mu rwego rwo kubaka demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu kugira ngo bibe byafasha n'ibindi bihugu mu miyoborere yabyo.

Urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki n'urundi rubyiruko muri rusange ni mwifashishe ikoranabuhanga mwandike, mumenyekanishe ibyo u Rwanda rugenda rugeraho muri politiki no mu zindi nzego z'ubuzima bw'Igihugu.

Reka nsoreze ku kintu nifuza ko twahora tuzirikana: *"Twabyanga twabyemera, igihe kirageze kugira ngo dufashe urubyiruko rw'u Rwanda kwinjira muri politiki. Ntihakwiye kubaho abasigara inyuma kandi urubyiruko ari rwo mahirwe y'ahazaza h'Igihugu cyacu".*

## Reference

1. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015
2. Itegeko Ngenga n° 10/2013OL ryo ku wa 11/7/2013 ryahinduwe n'Itegeko Ngenga n° 005/2018 OL ryo ku wa 30 /08/2018 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki
3. Amasezerano y'Amahoro y'Arusha 1993
4. Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, 2014
5. Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, 2018
6. Hanspeter Kriesi, Varieties of Democracy: Proporzdemokratie, Consensus Democracy, Liberal Democracy and Direct democracy, 2015

7. Brian D.Williams university of California at Riverside, How consensual are consensus democracies? A reconsideration of the Consensus/ Majoritarian Dichotomy and a Comparison of Legislative Roll-Call Vote Consensus Levels from Sixteen Countries.
- =====